TARIKI 10 KANAMA 2017 KILIZIYA YA CENTRALE YA BUTAKA PARUWASI YA BUSASAMANA YAHAWE UMUGISHA

Tariki 10 kanama 2017 guhera i saa 10h00 nibwo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yatangiye Igitambo cya Misa muri Kiliziya nshya ya central ya Butaka. Abakristu ba Centrale ya Butaka n'inshuti zabo zinyuranye bari bakereye kwizihiza uwo munsi mukuru. Iyi central ya Butaka yavutse 1973; kugeza ubu ifite abakristu basaga 1851,igizwe n'Inama 4 n'Inama yabakozi n'abacuruzi,imiryangoremezo 17,amakorali 5,imiryango y'Action Catholique n'amakoraniro y'abasenga, igahana urubibi n'igihugu cya RDC. Iyi central yaragijwe **Bikira Mariya Umwamikazi** ; ikaba yarabyaye na central ya KABATWA.

Uburanga bw'iyi Ngoro y'Imana n'ubunini bwayo ni abakristu ba Centrale ya Butaka bayiyubakiye. Bafifashijwemo n'Abapadri bari bahafite ubutumwa. Kugera ubu bakaba bamaze kuyitangaho amafaranga asaga 107.000.450frs. Ariko hari indi mirimo ikenewe gukorwa.

Nyiricyubahiro Musenyeri kandi yari yaherekejwe n'Abasaseridoti bagera kuri 7: Padri MBONABAKIRA Vincent, Padiri HARINDINTWARI Félicien, Padiri Renee Claude HAKIZIMANA, Padiri HAKIZAYEZU Emmanuel, Padiri

KWIZERA Jean Marie, Padiri URAYENEZA Eugene, Padiri UWINEZA Gabriel. Mu gutangira igitambo cya Misa, Nyiricyubahiro Musenyeri,yahaye Kiliziya umugisha, yegurira Alitari Imana ayisiga amavuta matagatifu, ibyo birangiye Igitambo cy'Ukaristiya gikomeza uko bisanzwe.

Ibyishimo by'abakristu ba centrale ya Butaka byagaragajwe n'umukristu ubahagarariye. Mu ijambo rye yatangiye ashimira Imana yo yabashoboje mu gukuza ibitekerezo n'ibikorwa,ashimira Umwepisikopi wacu ubahoza ku mutima, ashimira kandi n'abakristu bose kuburyo bunyuranye ba Paruwasi Busasamana.

Mu ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yashiye cyane abakrstu ba central ya Butaka,ashimira n'Abasaseridoti babafashije. Ababwira ko ibyo bakoze bigomba kubera urugero abandi bagitegeraza ak'imihana. Ababwira kandi ko abandi bazajya baza gukora urugendoshuri bakarebera ku bakridtu ba central ya Butaka. Yakomeje abashima kandi abizeza ko nibisigaye nabyo bizagenda neza kandi bikuzura. Yabasabye gusigasigra ibyo bagezeho ngo bitazangirika. Abasaba kandi gukomeza gukorera hamwe bunze ubumwe bw'abansa b'Imana.

Mugusoza igitambo cya Missa yahaye kandi umugisha Taberinakulo Ubushyinguro bw'umubiri wa Yezu Kristu muri iyo Kiliziya. Yarangije asaba abakristu ba central ya Butaka kwita ku Isakramentu bahawe bikabongerera ubukristu bakarushaho gukomera koko mu kwemera. Yashoje ijambo rye ashimira ubufatanye buri hagati yabo n'andi matorero kandi ashimira ubuyobozi bwa Leta bufasha abaturage aribo bakristu gukora neza mu mutekano imirimo yabo. Yashoje atera indirimbo y'Imihigo y'abavandimwe ya Diyosezi yacu. Nuko abaha Umugisha asoza uruzinduko yagiriye muri central ya Butaka Paruwasi ya Busasamana.

Padiri KWIZERA Jean Marie